# Rusizi : Min. Nsengimana yatunguwe no gusanga biga mudasobwa mu magambo gusa

Yanditswe na BAHUWIYONGERA SYLVESTRE

http://imvahonshya.co.rw/



*Minisitiri w'urubyiruko, ikoranabuhanga n'isakazabumenyi Jean Philbert Nsengimana (Foto archive)*

**Minisitiri w'Urubyiruko, ikoranabuhanga n'isakazabumenyi Jean Philbert Nsengimana, yatunguwe no kumva ko hari bimwe mu bigo by'amashuri byigisha ikoranabuhanga mu magambo gusa, aho umwana aba yiga mu mashuri yisumbuye atarabona mudasobwa.**

Mu ruzinduko aherutse kugirira mu karere ka Rusizi, Minisitiri Nsengimana yasanze hari ibigo by'amashuri bitagira mudasobwa n'imwe, aho usanga bayiga mu magambo gusa ntawe urayica iryera.

Uwamahoro Jeannette, wiga mu rwunge rw'amashuri rwa Mwegera, mu murenge wa Gikundamvura, mu mwaka wa 2 w'amashuri yisumbuye, yahamije ko batarabona mudasobwa, kuko ku kigo cyabo ntayihaba, ndetse ngo no mu barimu bose ntawe uyitunze.

Yagize ati "Twiga ICT mu magambo (Théorie) gusa kandi abenshi muri twe ntiturabona mudasobwa mu maso, kuko n'abarimu bacu nta n'umwe uyigira, no mu biro bya diregiteri ntayibamo byose abikoresha intoki.

N'iyo hari igikeneye amafaranga ushinzwe umutungo ateranyisha akamashini gasanzwe akandikisha intoki, ariko amakayi yacu yuzuyemo ibyo tutazi, kuko kumbwira ngo ukirika (Click) suri hano kandi n'iyo suri ntarayibona, ntacyo nunguka na gato."

Yakomeje agira ati "Twasabaga ko baduha nibura mudasobwa imwe gusa tukabanza tukayitegereza, noneho bakayitwigisha tunayizi, ariko kwiga mu magambo ibyo tutazi nta cyo bitumarira."

Nyirashumbusho Angélique wiga mu rwunge rw'amashuri rwa Mashesha mu murenge wa Gitambi, na we yagize ati "Hari igihe abanyeshuri 30 bahagarara iruhande rwa mudasobwa imwe, kuyikoraho bikaba ari amahirwe, urumva ko abakobwa bo mu cyaro ntacyo tuzi ku ikoranabuhanga."

Minisitiri Nsengimana yavuze ko bitumvikana uburyo ikigo cy'ishuri kitagira mudasobwa kandi hari mudasobwa zikorerwa mu Rwanda, yizeza abanyeshuri ko uyu mwaka w'ingengo

y’imari uzajya kurangira buri shuri ryo mu karere ka Rusizi rifite mudasobwa abana bashobora kwigiraho.

Yagize ati “Nta mpamvu n’imwe, usibye kurangara njye ni ko nabyita, nta mpamvu n’imwe yatuma ishuri uyu munsi ryigisha umwana akiga imyaka 6 y’amashuri yisumbuye akarinda arangiza atarakora kuri mudasobwa.

Hari ruriya ruganda Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yazanye kugira ngo rukore mudasobwa mu Rwanda, amashuri abe ari yo ya mbere abona mudasobwa. Hashyizweho n’uburyo bw’uko ishuri ridafite amikoro uwo mwanya rishobora kubona mudasobwa zikishyurwa mu gihe gito.”

Minisitiri Nsengimana yavuze ko hazakorwa ibishoboka byose buri munyeshuri akegerezwa ibikoresho by’ikoranabuhanga n’ahatari amashanyarazi hagakoreshwa imirasire y’izuba, ariko abana ntibige ikoranabuhanga mu magambo kandi mu gihugu hakorerwa mudasobwa.

Abana baganiriye n’Imvaho Nshya bashimishijwe cyane n’iki cyemezo, bavuga ko igihe zizaba zabagezeho bazakataza mu ikoranabuhanga.

**JK :** *Nonese Ministre w’ikoranabuhanga yaba atazi ate aho za mudasobwa zili naho zitali ? Ejobindi siho bakwizaga impuha ko mudasobwa zimaze gukwira no mumashuli y’ibibura mwaka ? Naho n’abarangiza ayisumbuye ntibarazica ilyera ? Itekenika liragwira !!!*



